No 1516 Sports

Kigali, kuwa 12.1-1998

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 - KIGALI

Bwana Umunyamabanga Mukuru
muri MIJESCAFOP
KIGALI

Impamvu :
Gusaba amafaranga yo gucurisha imfunguzo za Reserve z'imodoka za MIJESCAFOP

Bwana Umunyamabanga Mukuru,

Maze kubona ko hari imodoka za MIJESCAFOP, zidafite imfunguzo za reserve (Contactes de reserve), mbandikiye iyi baruwa mbasaba amafranga yo kuzicurisha kuko hashobora kuboneka ikibazo, (Umushoferi cyangwa se Umuyobozi) urufunguzo rw'imodoka runaka rugatakara nta rundi yakwitabaza vuba batagombye kwangiza imodoka. Izo mfunguzo za reserve z'amamodoka zabikwa mu biro by'ushinzwe ibinyabiziga (Charroi) akaba ari nawe uzitangira ariko hakazashyirwaho amabwiriza yo gukurikiza, kugirango uwarutaye ahabwe urundi ndetse akabanza no gutanga amafranga yo gucurisha ururusimbura urwo azaba yataye.

Mboneyeho gusaba abantu bafite imfunguzo za reserve z'amamodoka azifite ko bazishyikiriza ushinzwe Charroi, kugirango amenye imfunguzo zitazacurwa.

Mbifurije kubyakira neza, kandi mugire umwaka mwiza.

Ushinzwe Charroi

KANYAMIBWA Simon

Bimenyeshejwe :
- Bwana Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no kwigisha imyuga iciriritse KIGALI
- Umuyobozi w'Ibikorwa Rusange muri MIJESCAFOP
- Umuyobozi w'Abakozi n'Imari muri MIJESCAFOP
- Umunyamabanga wihariye wa Minisitiri (Secrétaire Particulier)
- Abayobozi b'Imirimo (Bose)